# TUZATSINDA

## TAHURA UMWUGA WO MU NZOZI ZAWE



# Inshamake

Jolly na Aline barangije amashuri yabo yisumbuye, ariko ntibari bagatekereje neza ku bintu baziga muri kaminuza. Bibwiraga ko baziga ibyo ab'iwabo bize cyangwa se bakarebera ku bandi, ariko nyuma baje gutekereza basanga bagomba guhitamo ibyo bo bakunze, bishimira kandi bashoboye. Isomere nawe.

@harambeerw

@harambeerw

@Harambee_Rw

www.harambee.rw

Yateguwe na Harambee Rwanda

TUZATSINDA
WE WILL TRIUMPH

BE SMART · BE SAFE · BE KIND


BITE SE, JOLLY? WITEGUYE GUTANGIRA MU KWA CYENDA SE?
NI SAWA SHA. CECEKA NDUMVA BINTINDIYE! NDASHAKA KWIGA NKABA NK'UMUGORE DUTURANYE WITWA GAHIMA. ABANTU BOSE BARAMWEMERA AHO DUTUYE.
EHH, YIZE IBIKI MURI KAMINUZA SE?
YIZE IBIJYANYE N'IKIGANGA KANDI NANJYE NDUMVA ARIBYO NSHAKA KUZIGA.
EH, NDUMVA UZI ICYO USHAKA. NONEHO NAWE URABIKUNDA CYANE?
SHA, NKUBWIJE UKURI NYINE MBA MBONA GAHIMA BYARAMUHIRIYE. RERO MBA NUMVA NANJYE BIZAMPIRA.
SHA, NANJYE NI UKO NAVUGAGA MBERE. NUMVAGA NSHAKA KWIGA ICUNGAMUTUNGO (ACCOUNTING) KUKO BAMWE MU B'IWACU BOSE ARI RYO BIZE, ARIKO NYUMA NAJE GUTEKEREZA NSANGA BIDAKWIRIYE AHUBWO NKWIYE GUHITAMO NKURIKIJE IBYO NKUNZE KANDI NSHOBOYE.
ARIKO UZIKO ARI BYO SHA! NONE SE BASI WAMAZE KUMENYA ICYO UKUNDA UZIGA?
OYA, SINDAKIMENYA PE. GUSA NTABWO ARI ICUNGAMUTUNGO. AHUBWO SE TWAZAHUYE TUGAFATANYA TUKABYIGAHO TUKABIMENYA HAKIRI KARE? BYANADUFASHA KUMENYA ISHURI TWAZIGAHO.
NTA RIBI KABISA! GAHUNDA NI IYO.


ALINE NA JOLLY BAHURIRA KU ISOMERO KUGIRANGO BAGANIRE IBY'ISHURI.
ALO, ALI NAHAGEZE NICAYE HANO IBURYO UKINJIRA.
NANJYE NDI KWINJIRA, NAKUBONYE.
ALINE NA JOLLY BAKORA URUTONDE RW'IBINTU BITATU BURI WESE YUMVA ASHAKA KWIGA N'IMPAMVU YUMVA ABISHAKA, BABITEKEREZAHO BANABIGANIRAHO.
NONE SE JOLLY, MURI IBI BITATU NI IKI WIYUMVAMO KURUSHA IBINDI? HARI ABANTU WABA UZI BABYIZE, UBU BAKABA BARABIBONYEMO AKAZI?
SHA, NJYE RERO BURIYA NKUNDA GUCURUZA. NAHOZE NUMVA NAKORA MURI FARUMASI NKAHA IMITI ABAJE BAYISHAKA. HARI UMUGORE W'INCUTI YA MAMA NZI UKORA MURI FARUMASI. NZAMUBAZA NUMVE UKO BIBA BIMEZE. GUSA MBA NUMVA NZAGERAHO NKANASHINGA IYANJYE.
WAWU! NTIWUMVA SE? NDUMVA BYABA ARI BYIZA. UZAMUBAZE UMENYE NEZA UKO BIMEZE, KANDI NABONYE WARANATSINZE NEZA; NTIBIZAKUGORA KWINJIRA MU ISOMO. NIBA HARI N'ABANDI WABONA WABAZA KUGIRANGO BAKUBWIRE UBURAMBE BWABO, WABABAZA. NDUMVA BYAGUFASHA.
URAKOZE CYANE, ALI! NGAHO NAWE MBWIRA RERO ICYO WAHISEMO.
NJYE NASANZE NZIYIGIRA IKORANABUHANGA (IT); CYANE KO RIKORESHWA HOSE. ARIKO NKENEYE KUMENYA BYINSHI, MBESE N'UKO BIBA BIMEZE. AHUBWO SE JOLLY, WAMFASHA UKAMBARIZA MUSAZA WAWE MUHIRE KO NZIKO NAWE YIZE IT?
KANDI KOKO WAKUNDAGA ISOMO RY'IKORANABUHANGA TURI KU ISHURI.... MBONA IKORANABUHANGA ARI RYIZA KANDI RIKUNDA NO KUBA KU ISOKO RY'AKAZI. NTA KIBAZO RWOSE, TWABIPANGA NKANAMUGUHA KURI TELEFONI MUKAVUGANA.


JOLLY NA ALINE BAKORA UBUSHAKASHASTI KU BYO BAHISEMO KUZIGA MURI KAMINUZA BIFASHISHIJE ABANTU BAZI BABYIZE KANDI BABIKORAMO.
MWIRIWE MAMA JA? NI JOLLY. NI MAMA WARI UMPAYE NOMERO ZAWE.
YEGO, JOLLY! MWESE MURAHO NEZA?
YEGO, NTAKIBAZO TUMEZE NEZA! NAGIRANGO NKUSABE AKANYA NZAZE TUGANIRE KU BYEREKEYE AKAZI UKORA KO GUCURUZA IMITI MURI FARUMASI, KUKO NANJYE NI BYO NSHAKA KUZIGA MURI KAMINUZA NO GUKORA MU MINSI IRI IMBERE.
NTA KIBAZO RWOSE. NIYO EJO WANSANGA KU KAZI AHO NKORERA, TWAGANIRA MU KARUHUKO NTA KIBAZO. BATWEMEREYE USHOBORA NO KUZA HANO IMINSI MIKE UKAREBA UKO IBINTU BIKORWA.
BYABA ARI BYIZA CYANE, URAKOZE! UGIRE UMUGOROBA MWIZA.
JOLLY ASANGA MUHIRE MU CYUMBA CYE AMUSABA KO YAVUGISHA ALINE KUBYEREKEYE IBYO ASHAKA KUZIGA
MUHI, KURI YA GAHUNDA SE TWAVUGANYE, UBU NTIWABIKORA RA?
NTA KIBAZO, REKA TUMUHAMAGARE DUKORESHEJE IKORANABUHANGA KU BURYO TUVUGANA TUREBANA.


BITE JOLLY, NJYE NDITEGUYE MUMPE TUVUGANE
ALI WAKOZE KUNGIRIRA IKIZERE. UMBAZE ICYO WIFUZA KUMENYA CYOSE NDAGUSUBIZA NKUBWIRE N'IBYIZA BY'UMWUGA W'IKORANABUHANGA (IT) NKO KUBA WAKORERA MU RUGO AKAZI KAWE, N'IBINDI.
MUHIRE AGIRANA IKIGANIRO KIRAMBUYE NA ALINE AMUSOBANURIRA IBIJYANYE N'IKORANABUHANGA (IT).
NONE SE ALI, MU GIHE DUTEGEREJE KO AMASHURI ATANGIRA, UBU NTITWAGIRA ICYO TUBA TWIGEZAHO?
NANJYE NABITEKEREJEHO NSANGA TUDAKWIYE KWICARA GUTYO GUSA.
MUMBABARIRE KUBA NIVANZE MU KIGANIRO CYANYU, ARIKO RWOSE MURI GUTEKEREZA NEZA. HARI BYINSHI MWABA MWIYUNGURA. ALINE HARI IBYO NAGUSANGIZA NIBA UBYIFUZA. USHOBORA KANDI NO KWIYUNGURA UBUMENYI MU BIJYANYE N'IKORANABUHANGA NKA C PROGRAMMING N'IBINDI.
NAWE JOLLY, NUMVISE UBWIRA ABABYEYI KO UZIGA IBIJYANYE NA FARUMASI. NAWE WAKWIFASHISHA INTERINETI UKABA WIYUNGURA UBUMENYI BUMWE NA BUMWE BUJYANYE NABYO CYANGWA UKEGERA MAMA JEANNE; NDABIZI KO NA WE YAGUFASHA.
MUHI, IBYO UVUGA NI BYO KOKO! JOLLY, UWABA WIYUNGURA UBUNDI BUMENYINGIRO NKO KUVUGA NEZA ICYONGEREZA CYANGWA KWANDIKA TWIHUTA KURI MUDASOBWA?
NIBYO RWOSE! URAKOZE CYANE TUZAKORESHA IGIHE CYACU NEZA.